

RWANDA / JUDGMENT

Re MUKANDABUKIYE

RCA 0430/15/HC/KIG

COURT

High Court

DECIDED

30 September 2015

CASE / FILE NUMBER

RCA 0430/15/HC/KIG

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

Re MUKANDABUKIYE

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2015-09-30
- Case/document no.: RCA 0430/15/HC/KIG
- Collection: High Court

Text

Page 1

Re MUKANDABUKIYE [Rwanda URUKIKO RUKURU – RCA 0430/15/HC/KIG (Nzabonimana, P.J.) 30 Nzeri 2015] Amategeko agenga imiburashirize y'imanza z'imbonezamubano – ikirego gisaba gukosoza urubanza – Ibirego bisaba gukosora imyandikire y'icyo bibeshyeho biburanishwa mu muhezo ababuranyi batongeye kuvuguruzanya – Itegeko no 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 154. Incamake y'ikibazo: iki kirego kigamaje gusaba gukosora numero y'urubanza RC 0578/10/TGI/NYGE rwajuririwe kuko yanditswe nabi aho kwandika RC 0578/10/TGI/NYGE hakandikwa RC 0518/10/TGI/NYGE. Incamake y'icyemezo: Ibirego bisaba gukosora imyandikire y'icyo bibeshyeho cyangwa gusobanura urubanza rwaciwe mu buryo butumvikana cyangwa mu buryo bushobora kumvikana mu buryo bunyuranye biburanishwa mu muhezo ababuranyi batongeye kuvuguruzanya kandi nta gihinduwe ku byerekeranye n'uwatsinze urubanza, isobanurampamvu y'uko ibintu byagenze n'uko amategeko abiteganya byemejwe n'urukiko kubwibyo rero urubanza rukaba rukosowe. Ikirego gifite ishingiro. Amategeko yashingiweho: Itegeko no 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 154. Nta manza

zifashishijwe Urubanza I. IMITERERE Y'IKIBAZO [1] Mukandabukiye Leonille yandikiye urukiko Rukuru kuwa 19/09/2015 arusaba gukosora no yurubanza RC 0578/10/TGI/NYGE rwajuririwe kuko yanditswe nabi aho kwandika RC 0578/10/TGI/NYGE hakandikwa RC 0518/10/TGI/NYGE UKO URUKIKO RUBIBONA [2] Urukiko rushingiye ku ngingo ya 154 y'itegeko no 21/2012 ryo kuwa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, urubanza RCA 0285/12/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru kuwa 22/03/2013 rukosowe ku buryo bukurikira:

Page 2

Ikiregerwa: Kujuririra urubanza RC 0578/10/TGI/NYGE aho kuba urubanza RC 0518/10/TGI/NYGE II.ICYEMEZO CY'URUKIKO [3] Rwemeje ko ikirego gisaba gukosora urubanza RCA 0285/12/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru kuwa 22/03/2013 cyatanzwe Mukandabukiye Leonille gifite ishingiro. [4] Rwemeje ko urwo rubanza rukosowe ku buryo bukurikira: Ikiregerwa: Kujuririra urubanza RC 0578/10/TGI/NYGE aho kuba urubanza RC 0518/10/TGI/NYGE [5] Rutegetse ko uru rubanza rwuzuzwa urubanza RCA 0285/12/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru kuwa 22/03/2013 rukosowe.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/7019/7295>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/mukandabukiye-leonille-correctionofclericalerrors-high-court-2015>

Prepared on 29 October 2026 · Esheria